



Akanyamakuru ku Rwanda/ Newsletter

Ukwakira/October 2009

P. 0 Box 4562 Kigali/Rwanda-Africa, Cell phone +250-788569814

Nk'uko imvura na shelegi bimanuka bivuye mu ijuru ntibisubireyo, ahubwo bigatosa ubutaka bukameza imbuto bugatoshya n'ingundu, bugaha umubiyi imbuto n'ushaka kurya bukamuha umutsima, ni ko ijambo ryanjye. . . Yesaya 55: 10-11

As the rain and the snow come down from heaven and do not return to it without watering the earth and making it bud and flourish so that it yields seed for the sower and the bread for the eater, so is my word that goes out from my mouth; it will not return to me empty, but will accomplish what I desire and achieve the purpose for which I sent it. Isaiah 55: 10-11 (NIV)

Intego nkuru yacu ni ukwigisha Amatorero ku isi hose kwerekana imigambi y'Imana mu nzego zose z'ubuzima.

Twishimiye kubamenyeshya ibyavuye mu mahugurwa avuga Ku Itorero n'Iterambere twatanze ku banyeshuli ba YWAM mu Bugande. Twahuguye abanyeshuli 13 guhera kuri 28 Nzeri kugeza 2 Ukwakira. Bamaze kwimenyereza gukora gahunda yo gukora umushinga wo kwerekana urukundo rw'Imana ku Bantu bafite ibibazo witwa Umushinga w'imbuto, bagiye kubishyira mu bikorwa mu baturanyi babo kugirango babereke urukundo rw'Imana.



Our general objective is Equipping Churches and

Christian organizations worldwide to demonstrate God's intentions in every area of life.

We are so delighted to report today how the training on **Church and development** brought a great impact to trainees from YWAM in Uganda.

We had training with 13 people of the YWAM Uganda from September 28 through October 2nd. After they exercised on how to plan for Seed projects, they went on implementing them in the communities around their base to demonstrate God's Love.

Tunejewe n'uko Imana isohoza ibihe byose ibyo yavuze ngo: "Ijambo ryanjye riva mu kanwa kanjye ntirizagaruka ubusa ahubwo rizasohoza ibyo nshaka.."

Imishinga bakoze kugirango bagaragarize abantu urukundo rw'Imana, bakoze ibyo abantu batatekerezaga: gukubura mu rugo rw'abana b'imfubyi no gusukura ku ivomo ry'ishuli ribanza.

Iyi raporo ku mishinga y'imbutu twayandikiwe na Fred Kiwanuka, umuyobozi w'ishami ryigisha iby'amajyambere muri YWAM/Uganda. Mu kwerekana akamaro k'ingaruka amahugurwa yagize ku banyeshuli yaravuze ati: "Abantu benshi iyo bahamagawe gukorana na YWAM batekereza ko bagiye kuba abashinzwe gutangiza amatorero, cyangwa abashinzwe indi mirimo mu rwego rw'iby'umwuka. Ariko iyo bamaze kwigishwa inyisho z'iterambere, batangira kureba imirimo yabo mu buryo butandukanye n'ubusanzwe; uburyo bwagutse.

Imishinga y'Imbutu yakozwe.

Bigabuye amatsinda 2 mbere yo gukora imishinga y'imbutu.

Itsinda rya mbere ryaho hantu hitwa isi y'Ibyiringiro muri YWAM Uganda, rishishikajwe n'urukundo rw'Imana, bafashe umwanzuro wo gufasha abaturanyi mu by'isuku yahoo batuye. Basukura ahantu ishuli ribanza ryakoze ho abana bavoma amazi yo kunywa no gukoresha ku ishuli kuko hari handuye kugirango babarinde kutarwara indwara zikomoka ku mwanda.

Through their seed projects, they demonstrated God's Intentions in the area people didn't expect them to intervene: clearing the orphanage compound and cleaning a primary school borehole.

We rejoice in the Lord that He accomplishes always what He had said: "My word will not return to me empty but will accomplish what I desire".

The report about the seed projects was sent to us by Fred Kiwanuka, the director of the School of Foundation in Community Development in YWAM/Uganda. He stated the impact occurred to his trainees as follow: "Most of people when called to work with Youth With A Mission, they think first to be church planters or to involved in a spiritual ministry in a local church. But after they have been trained in the school of Foundation in Community Development, they start looking their ministry with a

different point of view; a comprehensive one.



The first group of Hope land YWAM Uganda, motivated

by God's love in all areas of life decided to help their community in the area of environment cleansing. They worked on cleaning the borehole at a primary school to prevent children from diseases caused by dirtiness.

Umuyobozi w'ishuli wari utarasura na rimwe aho YWAM ikorera nubwo baturanye, amaze kubona ibyo bakoze yarabashimiye cyane kandi ngo atangazwa nuko bafashije ishuli mu bintu bitandukanye n'iby'umwuka. Abazezeranya ko agiye kubasura, yongeraho ko "ibyo bibayo itangiriro ry'ubushuti hagati yabo naho YWAM ikorera." Abamaze kubashimira abagurira n'umutobe kuko bari bafite inyota nyinshi kandi bananiwe kubera akazi baribakoze umunsi wose.

Itsinda rya kabiri ryaharuyeye ibyatsi inyuma n'iruhande rw'inzu irerwamo abana b'imfubyi kugirango batarwara malaria iterwa n'imibu. icyongeyeho abagize itsinda baribashyizehamwe ibintu bitandukanye birimo isukari, amasabune byo gufasha abana. Umurezi w'abana yishimiye cyane iyo mpano bageneye abana kuko yayise iy'agaciro kenshi kandi ko batari biteguye kubona.

Nyuma yo kubona ibyo ayo matsinda yombi yakoze, Fred Kiwanuka uyoboye ishuli ryigisha iby'iterambere yarumiwe, abura uko yavugaga ashima Harvest ku nyigisho. **UBWIZA N'ICYUBAHIRO BIBE IBY'IMANA YONYINE.**

Bamwe mu bagize itsinda rya kabiri/some of the second group



The Head teacher of the school who had never visited the YWAM base although his school is close to the base expressed his thanks to the group after their achievement and was amazed to see that group working for the primary school in an area that is different from the spiritual ministry. He promised to visit the base and added: "this is the beginning of a new relation with the base". He offered soda to the group as they were thirsty and tired after a long day of work.

The second group of trainees worked to clear the compound of a home for orphans to prevent children from malaria attack and had brought items including sugar, soap to support children. After the work on the compound, the orphans' home leader was so excited that they had offered to children a very important gift they hadn't expected from them. From the two groups, Fred Kiwanuka the Director of the school of Foundation in Community Development was without words to express his thanks to Harvest for the teaching. **GLORY AND HONOR BE TO GOD ALONE.**



Reported by Jacob
Rwanda field

E-mail:

jacndabaramiye@yahoo.fr

Cell phone: +250-788569814